# “Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde gusumbirizwa n’ideni, no kuneshwa n’umwanzi, no gushinyagurirwa n’abanzi.”

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri Ibun Al Aswi (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba Allah ibi bikurikira: “Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde gusumbirizwa n’ideni, no kuneshwa n’umwanzi, no gushinyagurirwa n’abanzi.”

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na A-Nasa'iy na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga yikinga kuri Allah ngo ayirinde ibi bikurikira: Icya mbere: Mana Nyagasani nkwikinzeho kuko nta wundi nakikingaho ngo undinde gusumbirizwa n’ideni, unantere inkunga nshobore kuryishyura. Icya kabiri: Kunesha umwanzi, no kunyigarurira, no kundinda ikibi cye, no kumutsinda. Icya gatatu: No gushinyagurirwa n’abanzi, no kwishimira ibigeragezo biba ku bayisilamu.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5489